REPUBULIKA Y'URWANDA

Kicukiro, ku wa 12/12/2006
Réf. N°1200/07.0103.05/06

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
E-mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP.657 KIGALI

MINALOC SECRETARIAT CENTR
15 DEC 2006
36554
07.02/04

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,
Imiyoborere Myiza, Amajyambere
Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage
KIGALI

Impamvu: Kohereza raporo y'imihigo 2006
na gahunda ya 2007.

Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze, ku mugereka w'iyi baruwa, raporo y'imihigo ya 2006 nagahunda y'imihigo 2007 y'Akarere ka Kicukiro. Birikumwe na gahunda y'ibikorwa 2007 ndetse na gahunda y'amasoko azatangwa 2007.

Mbashimiye uburyo mubyakira.

Umuyobozi w'Akarere ka KICUKIRO

NTIDENDEREZA William

Bimenyeshejwe:
Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
KIGALI

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
TEL: 58 41 83
E-Mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP :657 KIGALI

RAPORO Y'IMIHIGO-2006

Ukuboza, 2006

IRIBURIRO

Muri gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage mu cyiciro cyayo cya kabiri cyatangiye taliki ya 1Mutarama 2006, habaye ivugurura ry'inzego bwite za Leta, ryatumye uturere tw'igihugu tugabanywa tuva ku 106 tugera kuri 30. Ni muri urwo rwego akarere Ka KICUKIRO kavutse gahurirwamo n'ibyahoze ari uturere twa Gikondo, Kanombe na Kicukiro n'Umurenge wa Masaka wavuye mu cyahoze ari Intara ya Kigali Ngali.

Akarere ka Kicukiro ni kamwe mu Turere dutatu tugize Umujyi wa Kigali, kakaba gafite imbibi zikurikira :
Iburasirazuba gahana imbibi n'akarere ka Rwamagana ; Iburengerazuba hari akarere ka Nyarugenge ; mu burengerazuba hari akarere ka Nyarugenge ; Amajyaruguru akarere ka Gasabo ; Amajyepfo hari akarere ka Bugesera.

Akarere ka Kicukiro kagizwe n'imirenge icumi (10) ariyo : Masaka, Nyarugunga, Kanombe, Kicukiro, Niboye, Gahanga, Gikondo, Kigarama, Gatenga na Kagarama. Iyi mirenge igizwe n'utugari twose hamwe mirongo ine na kamwe (41). Akarere ka Kicukiro gatuwe n'abaturage 235 844 batuye ku buso bungana na km^2 166,7.

Haherewe rero ku bibazo abaturage b'Akarere bahanganye na byo mu rwego rw'ubuzima, iterambere ry'ubukungu n'umurimo, kubungabunga ibidukikije, imiturire, uburezi n'ibindi; haherewe kandi ku bushobozi bugaragara mu Karere"potentialités"; Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro bufatanyije n'abaturage bwateguye gahunda y'ibikorwa (imihigo) ishingiye ku cyerekezo cya 2020, iyo gahunda ikaba yari igamije kuzamura imibereho y'abaturage mu nzego zinyuranye. Iyo gahunda ikaba yarashyizweho Umukono hagati ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuyobozi w'Akarere kuwa 4 Mata 2006.

Iyi raporo rero iragaragaza aho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo rigeze uhereye mu Kwezi kwa Mata kugeza Ugushyingo 2006.

Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro

NTIDENDEREZA William

AKARERE KA KICUKIRO
MUKAKANYAMUGENGE JACQUELINE
VICE MAIRE CHARGEE DES
FINANCES ET DEVELOPPEMENT

URWEGO	IGIKORWA	INTEGO Y'UMWAKA KU RWEGO RW'AKARERE	IBIMAZE KUGERWAHO	ICYITONDERWA
I. IMIYOBORERE MYIZA				
Kugira urutonde rw'abatishoboye	Gukora ibarura ry'abatishoboye	Buri murenge uzagira urutonde rw'abatishoboye	Ibarura ryararangiye mu Mirenge (100%), urutonde rurahari mu Karere	Imbonerahamwe ngenderwaho yo kubarura yatanzwe mu Mirenge
Gutanga serivisi nziza	Gukangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no kubuharanira, Kubamenyesha serivisi zisigaye zitangirwa ku Mirenge	Abaturage baza bagana ubuyobozi bahabwa serivisi bifuza, neza kandi vuba	Serivisi nziza ziratangwa ku rwego rw'Akarere n'Imirenge (70%). **Urugero**: ku mabaruwa 2196, 1756 yarasubijwe, 136 yoherejwe mu zindi nzego, 174 ntakeneye ibisubizo	Zimwe muri serivisi ntizitangwa ku buryo zakagombye gutangwa kubera abakozi bake n'ibikoresho bidahagije.
Guteza imbere abahejwe n'amateka	Kugira imibare yabo, no gutangiza igikorwa cyo kububakira	Kubaka amazu 20 abahejwe n'amateka (Abatwa)	Aho bazubakirwa harateguwe n'inkunga yarabonetse. Bakaba bazubakirwa n'abakatiwe imirimo nsimburagifungo (TIG).	

Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside	Umubare wa gahunda, ibiganiro, amakinamico byakozwe mu kurwanya iyo ngengabitekerezo	Nta ngengabitekerezo iri mu Karere	Hakozwe ibiganiro: 10 ku mateka 20 ku burere mbonera gihugu mu Mirenge yose igize Akarere	
Imiyoborere myiza	Guhugura inzego z'ibanze, gusezeranya imiryango yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko, kwitabira umuganda	Inzego z'Imirenge n'Utugari zahuguwe, Imiryago yasezeranijwe mu mategeko, Imibare y'abitabira umuganda	Amahugurwa ya bamwe mu bagize inzego arakorwa (50) 83,9 % y'ababanaga batarasezeranye bamaze kubikangurirwa Umuganda uritabirwa 85%	
	Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama Njyanama	Ibyemezo by'inama Njyanama bishyirwa mu bikorwa 100% ku gihe	Ibyemezo by'Inama Njyanama bimaze gushyirwa mu bikorwa 80%	
Umutekano	Kubungabunga umutekano, guhugura LDF mu nshingano zabo, gushaka aho Polisi ikorera hatunganye	Kugabanya umubare w'ibyaha byakorwaga, , Polisi y'Akarere ifite aho ikorera hakwiye mu Karere no mu Mirenge, LDF bakora neza akazi kabo	Abaturage bakanguriwe gahunda zo kurwanya ihohoterwa, abayobozi ba LDF bamwe barahuguwe; Harakorwa ibarura ngo hamenyekane umubare babo mu Karere naho buri wese akorera	

II. UBUKUNGU

II.1. Kwinjiza imisoro n'amahoro

Kongerera ubushobozi imirenge	Gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana ko igabana ryagenze neza	50% by'imirenge igize Akarere irihembera abakozi muri 25%by'umugabane	Imirenge yose ishyirirwa kuri konti 25% agenerwa n'itegeko, itatu muriyo ifite ubushobozi bwo kwihembera abakozi	Haracyari ikibazo cy'abishyura kuri konti rusange baterekana inkomoko y'amafaranga basoze bigatuma ayo mafranga atagabanywa
Kumenya urutonde rw'abasoreshwa	Gukora urutonde rw'abasoreshwa muri buri Murenge n'ibyiciro byabo	Buri Murenge ufite urutonde rw'abasoreshwa (100%) hakurikije ibyiciro byabo	Hamaze gukorwa urutonde rw'abasoreshwa rwa buri murenge hakurikijwe ubwoko bw'umusoro kugeza ubu dufite abasoreshwa 38 998	Haracyari abaturage batarasobanukirwa n'akamaro ko gusora. Bazakorerwa ubukangurambaga biciye muri ba Opinion Leaders
Kwishyuza imisoro,amahoro na serivisi zihabwa abaturage	Gutanga fagitire na Declarations umusoreshwa ku wundi, kubakangurira kwishyura binyuze mu nyigisho no guhugura abasoresha	Buri Murenge uzaba uzi nibura 90% by'abasoreshwa kandi bakurikiranwa	Hamaze gusoreshwa **679 587 185** Frw kugera mu Gushyingo 2006	Umusaruro ku musoro w'ipatanti warengeje target ariko uw'ubukode bw'amazu wo uracyari hasi.
Kwishyuza ibirarane by'imisoro n'amahoro	Kuzuza amafishi yateguwe yo kubarura abasoreshwa	Buri Murenge wose uzaba ufite 40% by'imibare y'abafite ibyo bishyurira batishyura	Amaraporo y'abafitiye ibirarane by'imisoro Akarere yakozwe n'abashinzwe isoresha ubu barimo kwishyuzwa	
Gukora fagitire z'ubukode bw'ibibanza, kuzigeza kuri benezo no	Gushaka abakozi b'ikiraka, gushyira amadosiye ku rutonde, gukora fagitire no kuzigeza kuri benezo	100% by'abafite amadosiye y'ibibanza bose bazakorerwa fagitire kandi bakurikiranwe mu	Hamaze gukorwa fagitire73 kandi igikorwa kirakomeza	

kuzikurikirana		kwishyuzwa		
Kugena ibiciro bimwe kuri serivisi zikorerwa abaturage mu Karere kose	Gukora urutonde rw'izo serivisi, gutanga ibitekerezo ku biciro byazo no kubigeza kuri Njyanama	Buri serivisi yose ikorerwa abaturage n'Akarere izaba ifite igiciro kandi kimenyeshwe abaturage	Ibiciro bya serivisi byamaze gutegurwa byemezwa n'Inama Njyanama	Iki gikorwa gisaba ubufatanye na za Njyanama z'Imirenge
Gutangira ibikoresho by'isoresha ku gihe no kugenzura abakirizi b'imisoro	Gutumiza ibikoresho ku gihe no kubigeza kuri buri Murenge, Kugenzura udutabo twasoresherejwemo	Buri mwakirizi w'imisoro azaba afite ibikoresho bihagije kandi ku gihe; igenzura (Verification) rizajya rikorwa buri gihe	Ibitansi by'imisoro bitangirwa igihe hamaze gutanga 1200 kandi abasoresha bose bafite ibikoresho.Hamaze kugenzurwa 600	
Gukurikirana imikorere y'amasoko yo mu Karere	Gukora urutonde rw'abakorera mu masoko, gukurikirana imyishyurire yabo, gushyiraho za Komite z'amasoko no kuzikurikirana	Buri soko rizaba rifite urutonde rw'abarikoreramo, icyo bishyura n'uko bishyura; buri soko rizaba ricungwa neza kandi rifite isuku	Isoko rya Kicukiro ryashyizwe ku murongo mu byerekeye kuricamo akajagari no gukorana inama n'abarikoreramo	Amenshi mu masoko yo mu Karere aracyakorera mu kajagari. Hakenewe kuyashyira ku murongo
Gushakisha ahandi hakomoka umutungo w'akarere	Gushakisha imishinga yabyara umutungo (Identification) no kugirana contacts n'abaterankunga	Kugira nibura ibikorwa bitatu byinjiza umutungo byamaze kugaragazwa no kuba hari nibura abaterankunga babiri bashya babonetse	Hakozwe amanama n'abahagarariye umushinga wa PIGU bazatera inkunga Akarere mu gutunganya igikorwa cy'isoresha	Hakenewe gushaka abandi baterankunga n'ibindi bikorwa byinjiza umutungo

II.2. Imiturire n'imitunganyirize y'Umujyi

IMITURIRE	Kwimura dosiye zari mu Mujyi zigashyirwa ku Karere	Kwimura dosiye zose z`abaturage b`Akarere ka Kicukiro	Igikorwa kigeze ku ijana ku ijana 100%	
	Gupanga dosiye neza zigashyingurwa	Kuba dosiye zose zipanze neza aho zigomba kuba	Igikorwa kigeze ku ijana ku ijana	
	Gutunganya ibibanza bishya muri Kigarama	Gutanga ibibanza n' ibyangombwa byabyo ku babisabye	Igikorwa kigeze kuri 60% (Ibibanza 165)	
	Gutunganya ibibanza bishya muri Karembure	Gutuza abimuwe n' ibikorwa by'amajyambere	Ntakirakorwa	Ntibyakozwe ngo hahangwe ibibanza kubera amikoro macye y'Akarere
	Gutanga ibyangombwa ku bantu bubatse batabifite (reguralisation)	Gutanga ibyangombwa bigatanga umusaruro	Hamaze gukorwa 50%	Hashize igihe gito abakozi bakora ibiraka batangiye (topographes)
	Gukemura ibibazo bijyanye n'imiturire	Gukemura ibibazo by'abaturage	Tumaze gukemura ibibazo 426	
IBIDUKIKIJE				
Service y'ibidukikije n'umutungo kamere	Gusukura umujyi	Gushyira pubelle ahantu hahurirwa n'abantu benshi	Igikorwa kigeze kuri 92%(Ahantu 35 kuri 38 hamaze gushyirwa poubelle)	Hari Imirenge (5) itaragaragaza ahashyirwa poubelles
	Gukoresha neza ingufu zikomoka ku bicanwa	82% by`ingo zikoresha rondereza	Igikorwa kigeze kuri 20%	Abazahugura barabonetse, harimo gukorwa identification y`abazahugurwa
	Gufata amazi	70% by`ingo zifite imireko, ibigega bifata amazi cyangwa ibyobo	Igikorwa kigeze kuri 35%	
IBIKORWA REMEZO	Kugeza amazi meza ku baturage bo mu Kagari ka Gakoki	Kugeza amazi meza ku baturage	Igikorwa kigeze kuri 70%	

	Gutunganya imihanda	Gutunganya umuhanda wa Rutoki	Igikorwa kigeze kuri 60%	
	Kubaka ibiro by`Imirenge	Kubaka Umurenge wa Niboye	Igikorwa kigeze kuri 25%	
	Kubaka ibiro by` Utugari	Kubaka ibiro by`tugari twose	Akagari ka Rwimbogo kamaze kubona ikibanza batangiye fondation	
	Kwagura ibiro by`Akarere	Kwagura ibiro by`Akarere	Igikorwa cyararangiye	Harimo kubakwa ibindi biro ku nkunga ya Villes Unies
II.3. Imicungire y'abakozi n'umutungo				
GUCUNGA UMUTUNGO	gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana igabana ko ryagenze neza	gufungura konti z'Imirenge no gukurikirana igabana ko ryagenze neza	50% by'imirenge igize Akarere irihembera abakozi muri 25% by'umugabane	Amahugurwa y'Imirenge ku guhemba yabaye taliki 13 na 14/07/06. Imirenge yose uko ari icumi yafunguje konti, buri murenge ubona 25 % y' mugabane rusange
	Gushaka abakora igenzura, gukurikirana igikorwa	Kumenya umutungo w'Akarere	igenzura ryakozwe 100%	Hakozwe Audit interne kuri za konti zari iz' uturere twa kera, ubu harimo gukorwa audit mu Mirenge
GUCUNGA ABAKOZI	Guhugura abakozi bashinzwe imicungire y' abakozi kubijyanye no kubara imishahara no gushyiraho logiciel ifasha kubara imishahara	Guhemba abakozi ku gihe no kwishyura ibirarane by' imishahara	Kuba abakozi bose bari mu myanya bahemberwa igihe kandi ababariwe imperekeza zabo bazibonye (100%)	Abakozi bari mu myanya hamwe n' abafite Contrats z' igihe gito bahemberwa ku gihe; Abakozi basezerewe muri 2005 bari barabariwe imperekeza zabo bagiye bishyurwa mu bice kubera ko amafranga yose yo kubahemba yari ataraboneka
	Gukurikirana igikorwa cyo gushaka bikoresho by'ikoranabuhanga	Gushakira abakozi ibikoresho bihagije kandi bijyanye n' igihe	Nibura buri mukozi azaba afite Computer na buri Unite ifite Printer	Hatanzwe isoko ryo kugura computer 14 na accesoires zazo, bamaze kuzana printers gusa

	Gutegura amahugurwa, gushaka abarimu no guhugura	Guhugura abakozi	Buri mukozi azaba azi gukoresha Word, Excel na Power Point ku buryo bushimishije	Urutonde rw'abazahugurwa nibyo bazahugurwamo rwarateguwe
	Gshyiraho ishyirahamwe ry'abakozi b'Akarere	Gutsura umubano mwiza mu bakozi	Ishyirahahamwe rikora kandi rifite ubuyobozi	Hamaze gukorwa amategeko shingiro y'ishyirahamwe
II.4. Ubuhinzi n'ubworozi				
	Gushishikariza abaturage guhinga kawa	Kuba abaturage bo mu Mirenge yeramo kawa bashishikarizwa kuyitera	Hakozwe amapepiniyeri Masaka(80000), Gahanga(50000) na Gatenga(100000) Kanombe (10000)	
	Kurwanya isuri	Kuba imirwanyasuri yose yasibuwe hakozwe n'amaterasi y'indinganire kuri ha35	Hamaze gusiburwa 70% y'imirwanyasuri, na 20 ha z'amaterase y'indinganire zimaze gukorwa mu Murenge wa Kanombe	70% y'imirwanyasuri yarasibuwe kandi biracyakomeza, ku birebana n'amaterasi y'indinganire itangazo ryaciye mu Mvaho amabahasha azafungurwa ku wa 12/9/2006
	Guteza imbere ubworozi bwo mu biraro	Kuba nta tungo rizerera ku gasozi	Amatungo 90% ari mu biraro	85% y'amatungo yo mu Karere yororerwa mu biraro
	Guhinga imbuto z'indobanure	Kuba buri Murenge wamaze kubona ibihingwa bitatu byeramo	Buri Murenge wamaze gutoranya ibihingwa bitatu uzahinga biweramo	

III. IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

III.1. Ubuzima iterambere ry'Umuryango no kurengera uburenganzira bw'umwana

Guteza imbere ubwisungane mu kwivuza	Guhugura komite za "Mutuelle" gukangurira abaturage kuzitabira no gufasha abatishoboye kwishyura ubwisungane mu kwivuza	Ubwisungane mu kwivuza bwitabiriwe kuri 75% mu karere kose	77%by'abaturage bari mu bwisungane mu kwivuza	
Gukangurira ingo zose kugira imisarane	Gukangurira abaturage kugira ubwiherero busukuye no gukurikirana ko bikorwa	100% by'ingo n'izindi nyubako zinyuranye zikorerwamo zifite imisarani ipfundikirwa kandi isakaye	Abaturage bamaze gukangurirwa kugira imisarani Twakoze igenzura mu mirenge dusanga 83% z'ingo, restora, utubari, n'insengero zifite imisarani Abadafite imisarani myiza barafungiwe	
Gukangurira abaturage kugira isuku	Kubikangurira abaturage no kubikurikirana	Ingo zifite agatanda kanikwaho amasahani zigera kuri 45%	45% y'ingo cyane iziri mu cyaro (Masaka, na Gahanga) zifite udutanda two kwanikaho amasahane	
Gukangurira abaturage gahunda yo kuboneza urubyaro	Guhugura abaganga, Guhugura abajyanama b'ubuzima muri buri murenge,Gutanga za dépliants zibisobanura mu baturage	30% y'imiryango ituye Akarere iri muri gahunda yo kuboneza urubyaro	Kubera ko amavuriro ari mu Karere ari ay'abihaye Imana, hakozwe umushinga wo kuzajya dusanga abaturage aho batuye tubigisha ibyiza byo	

			kuboneza urubyaro kandi tukabahera ubwo buryo hafi yabo, aho batuye ubu 19% by'imiryango yo mu Karere iboneza urubyaro	
Gukangurira abaturage kugira ibimoteri bamenamo imyanda	Kubikangurira abaturage no kubikurikirana	100% z'ingo yo mu mirenge zifite ikimoteri cyo kumenamo imyanda	94% z'ingo zo mu mirenge ituriye icyaro, zifite ibimoteri.	
Kwita no gufasha ababana n'ubwandu bwa Sida	Kubarura amashyirahamwe afite iyo nshingano yo kurwanya SIDA	100%by'amashyirahamwe y'ababana n'ubwandu bwa SIDA azwi kandi akurikiranwa	100% y'amashyirahamwe arazwi kandi arakurikiranwa (hari amashyirahamwe 66 mu Karere y'ababana n'ubwandu bwa SIDA)	
Kwirinda malaria	Gukangurira abaturage kwirinda malariya, gufasha abatishoboye kubona inzitiramubu	Abana n'abagore batwite baryama mu nzitiramibu	Hatanzwe inzitiramibu 55 165 ku bagore batwite n'abana bari munsi y'imyaka itanu	
Kongera umubare w'abana bajya kwiga bambaye inkweto	Kubikangurira ababyeyi n'abana, no gukurikirana ko bikorwa	90% bo mu mashuri abanza yose yo mu karere bigana inkweto	91,5 by'abana bo mu mashuri abanza bigana inkweto	
III.2. Kuzamura imibereho myiza y'abaturage				
Kuzamura imibereho myiza y'abaturage	gukurikirana imishinga y'Ubudehe no kuyitangiza mu Tugari twose	Buri mushinga uterwa inkunga n'ubudehe uzaba ugeze kuri 75%,	Inkunga yaratanzwe mu Tugari 67 imishinga igeze kuri 65%	
	Kumenya imibare y'abatuye Akarere	Kuba abaturage batuye Imirenge bamenyekanye mu	Ibarura ryarakozwe Akarere gatuwe n'abaturage 235 844	

		Karere		
	Gukurikirana imikorere y'amashyirahamwe no guha ibyangombwa atabifite	Kuba amakoperative n'amashyirahamwe akorera mu Karere yose azwi anakurikiranwa mu mikorere yayo	Amashyirahamwe 96 yujuje ibyangombwa yarasuwe ahabwa n'ibyangombwa, amakoperative 10 yahawe ibyangombwa biyemerera gukora na ONGs 18 zihabwa ibyemezo by'uko akorera mu Karere	
III.3. Uburezi, Umuco na Siporo				
UBUREZI	1.Kugenzura ahantu amashuri y'inshuke akorera 2.Gushishikariza no gushyigikira ababyeyi bashinze amashuri y' inshuke gushaka ibyangombwa no gukorera ahantu hafite isuku	Buri murenge ufite nibura ishuri 1 ry' inshuke rizwi mu kare re kandi rifite isuku n'ibiko resho	1.Hakozwe urutonde rw' amashuri 54 n'abanyeshuri 4 561 2.Hasuwe amashuri 39 yo mu mirenge 10 3.Amashuri yasuwe yagiriwe inama yo kuzuza ibyangombwa: imfashanyigisho n'isuku mu mashuri. 4.Statistiques zatanzwe muri MINEDUC.	Buri shuri ryahawe kodi (code) Amashuri aracyiyo ngera kubera aba byeyi babikanguriwe Nibura buri murenge ufite amashuri 3 akora neza.
	1.Gukoresha inama nyunguranabitekerezo ku barebwa n'uburezi mu karere n'abatera nkunga 2.Gukoresha amaru shanwa anyuranye	Kuzamura umusaruro w'akarere mu burezi	1.Hakozwe inama 2 z'uburezi n'iz'abayobozi b'ibigo za buri kwezi. 2.Hateguwe concours ku mashuri yose abanza.	

	(éloquence,excellence, essai)		Hakozwe concours ku mashuri ya tronc commun	
	3.Kugenzura ubuyobo zi bw'amashuri, kubu gira inama no gushyira ho abayobozi bafite impamyabushobozi zemewe 4.Kugenzura imyigire n'imyigishirize nibura inshuro1kuri buri kigo		3.Hagenzuwe amashuri 16 yisumbuye, 15 abanza, 3 y'imyuga 4.Mu bigo 5 bya Leta 4 bifite abayobozi bujuje ibyangombwa bisabwa. Hakoreshejwe amapiganwa mu bigo 3	ESSA Nyarugunga yafunguye imiryango kuwa 17/08/2006 nyuma yo gufungwa kubera ibibazo by' isuku
	5.Gukurikirana ikorwa ry'ibizamini bya leta		Hatanzwe umubare w'aba-kandida n'aho bazakorera	
	Kubarura ibyumba by'amashuri, ibikore sho,abanyeshuri n' abarimu bakenewe muri 2007	Kurangiza igishushanyo mbonera 2007 mu mpera 2006		
Kurwanya ubujiji	1.Kubarura abatazi gusoma no kwandika 2.Guhugura abakangu rambaga b'amasomero 3.Gushishikariza abata	Kugabanya umubare w' abatazi guso ma no kwa ndika	Abakangurambaga barahuguwe n'ibikoresho birahari ku masomero 3 kuri buri murenge	
	zi gusoma no kwandi ka kugana amasomero		Abatazi gusoma 1042 barigishijwe bahabwa impamyabumenyi	
Urubyiruko, umuco na siporo	Amarushanwa hagati y'imirenge, gutoranya abakinnyi, gushaka ibikoresho bikenewe gushaka umutoza no	Gushyiraho ikipe ifite ubushobozi bwo guseruki ra akarere	Hahembwe amakipe 3 ya mbere Gukangurira urubyiruko kwirinda no kwipimisha SIDA binyujijwe mu mupira	

	gutangira imyitozo		w'amaguru: 14 - 20/08/2006	
	Gutoranya ababyinnyi no guha ingufu itorero ririho, kugura imyamba ro n'ibikoresho,gusha ka abatoza	Gushyiraho itorero ry' akarere ryuju je ibyango Mbwa	Imirenge yamenyeshejwe gahunda y'amarushanwa. Hashatswe uko ibiciro by' ibikenewe bihagaze ku isoko.	
IV. UBUTABERA				
Gukurikirana ibikorwa by'Inkiko Gacaca	Gukurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca, guhugura inyangamugayo	Inkiko gacaca ziritabirwa mu Mirenge yose (70%)	Imirenge yose yatangiye kuburanisha. Mu karere hari • Inkiko Gacaca z'Imirenge: 17 • inkiko Gacaca z'Imirenge- ubujurire: 17 • Inkiko Gacaca Utugari: 81 • Abashyizwe ku rutonde : 8891 • Amadosiye :5871 • Ababuranye: 698 • Abasomewe: 659 • Abatarasomerwa: 39 • Abagizwe abere: 78 • Abajuriye: 146 • Abakatiwe TIG: 141	

UMWANZURO

Mu gusoza iyi Raporo y'imihigo y'Akarere ka Kicukiro, byaragaragaye ko hakozwe ibikorwa byinshi byose bigamije iterambere ry'abaturage mu nzego zinyuranye. Ikibanzweho mu mashami yose yo mu Karere ni ukwihatira gushyira mu bikorwa Gahunda y'Imihigo y'Akarere yasinywe ku wa 04/04/2006 hagati y' Umukuru w'Igihugu n'Umuyobozi w'Akarere. Iyo gahunda ni igikoresho cyadufashije mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'abaturage n'ibindi bikorwa bigamije iterambere n'ubukungu bw'Akarere.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi mihigo ryaturutse ku mikoranire myiza y'inzego hahurizwa hamwe imbaraga n'ubushake bw'ubuyobozi bufatanyije n'abaturage, inkunga ya Leta, imiryango itegamiye kuri Leta n'abikorera. Inzego z'ubuyobozi na Tekinike zikaba zarahawe amahugurwa anyuranye ndetse n'uburyo kugirango ibikubiye muri iyi raporo bibe byaragezweho.

Gahunda zose zari mu mihigo ntizujujwe zose nk'uko zari ziteganijwe bitewe n'imbogamizi zagiye zigaragara. Aha twavuga nk'ubushobozi butari buhagije haba mu bikoresho cyangwa se mu mafaranga.

Bikorewe Kicukiro, ku wa 12/12/2006

Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro,

NTIDENDEREZA William

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
TEL: 58 41 83
E-Mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP :657 KIGALI

RAPORO Y'IMIHIGO -2006
(Resume)

Ukuboza,2006

RAPORO Y'IMIHIGO Y'AKARERE KA KICUKIRO-2006

Byerekanwe na:
William NTIDENDEREZA
Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro

Ukuboza 2006

IRIBURIRO

Akarere ka Kicukiro kagizwe n'Imirenge 10, Utugari 41 n'imidugudu 333; gatuwe n'abaturage 235 844

Iyi raporo y'Imihigo y'Akarere ka Kicukiro ikubiye mu bice bine by'ingenzi aribyo:

- Imiyoborere myiza
- Ubukungu
- Imibereho myiza y'abaturage
- Ubutabera

IRIBURIRO...

Muri buri gice haragaragazwa:
Intego,
Intangiriro (Baseline),
Icyakozwe, n'aho igikorwa kigeze ubu guhera mu kwezi kwa Mata kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2006.

I. IMIYOBORERE MYIZA

1. GUTANGA SERIVISI NZIZA KANDI KU GIHE

- **Intego:**
  Kwakira neza abatugana ku gihe kandi vuba
- **Intangiriro:**
  Imirongo y'abaturage yahoraga ku biro by'Ubuyobozi
- **Icyakozwe:**
  - Buri muturage ugana ubuyobozi yakirwa neza kandi vuba bitarenze iminota 30
  - Ku mabaruwa 2196 yandikiwe Akarere 1756 yarashubijwe 136 yoherejwe mu zindi nzego 304 byakemuriwe muruhame

2.GUHUGURA INZEGO Z'IBANZE

Intego:
Kuba inzego zatowe zizi inshingano zazo
Intangiriro:
Ntabwo zari zihuguwe
Icyakozwe:
Mu Mirenge 10 igize Akarere inzego zose zarahuguwe

Mbere yo gutangira imirimo abatowe barahugurwa

3. KWITABIRA UMUGANDA

Intego:
Kwitabira umuganda kugeza kuri 80%
Intangiriro:
Ntabwo abenshi bawitabiraga.
Ibyakozwe:
Hashyizweho ikarita y'Umuganda
Aho bigeze:
Ubu 85% by'ingo zituye umudugudu zitabira umuganda.

Umuganda wo kubaka Akagari ka Ngoma

4. GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE

- **Intego:**
  Gutoza abanyarwanda umuco wo gukundana no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside
- **Intangiriro:**
  Hagaragaraga ibibazo mu mibanire y'abaturage
- **Ibyakozwe:**
  Hatanzwe ibiganiro 10 ku mateka y'u Rwanda,ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside mu mirenge yose n'ibiganiro
  20 ku burere mboneragihugu

Ibiganiro ku mateka y'u Rwanda

5. GUSHYINGIRA IMIRYANGO BYEMEWE N'AMATEGEKO

- **Intego:**

Gusezeranya byibura 80% by'imiryango itarasezeranye.

- **Intangiriro:**

Imiryango 1267 ibana itarasezeranye

- **Ibyakozwe :**

Kugeza ubu hamaze gushyingirwa imiryango 1064 bingana na 83,9%

6. IBARURA RY'ABATURAGE

- **Intego:**

  Kumenya umubare w'abatuye Akarere

- **Intangiriro:**

  Ntabwo imibare yari izwi

- **Icyakozwe:**

  Ibarura ryarakozwe. Abaturage b'Akarere ka Kicukiro ni 235 844. Abagore ni 117 686, abagabo ni 118 158.

II. UBUKUNGU

1. KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO

Intego:

- Kwinjiza 1.076.412.000 Frw aturutse:
  - Kwishyuza 90% by'imisoro n'amahoro by'umwaka w'2006
  - Kwishyuza nibura 40% ibirarane by'imisoro by'imyaka yashize
  - Kwishyuza izindi serivisi zihabwa abaturage
- Guha buri Murenge 25% by'amafaranga yinjiye
- Kumenya urutonde rw'abasoreshwa bose bo mu Karere
- Kugenzura ibitabo bisoresherezwamo n'imikorere y'abakirizi b'imisoro mu Mirenge
- Kugenzura imikorere y'amasoko mu Karere

Ibyagezweho mu kwinjiza imisoro n'amahôro kugeza mu Kwakira 2006

Uko amafaranga yinjira yagiye yiyongera (Recettes cumulées)	
Ntarama	27,083,435
Gashyantare	67,300,292
Werurwe	269,221,746
Mata	342,669,113
Gicurasi	378,422,289
Kamena	428,057,212
Nyakanga	472,026,174
Kanama	524,190,019
Nzeri	564,257,085
Ukwakira	618,918,176
Ugushyingo	679,587,185



Kumenya umubare w'abasoreshwa

- Ibarura ryatangiye muri Nzeri 2006 rirangira ku wa 30 Ugushyingo 2006 habaruwe abasoreshwa 38 998

2. UBUHINZI N'UBWOROZI

- **Intego:** Kuba buri Murenge ufite papiniyeri y'ibiti
- **Intangiriro:**Hari ibiti byatewe ku minsi y'igiti itandukanye bitazwi umubare
- **Aho tugeze:** Buri Murenge ufite papiniyeri





UBUHINZI N'UBWOROZI...

- **Intego:** Kuba 25000 by'imbuto ziribwa byatewe kandi byafashe
- **Intangiriro:** Umubare w'izatewe ntiwari uzwi
- **Ibyakozwe:**Ingemwe 58100 zirateguye





UBUHINZI N'UBWOROZI...

- Intego: Kuba Ha 50 zo mu Murenge yeramo kawa ziteyemo kawa
- Intangiriro: Ha 35 ziteyemo kawa
- Ibyakozwe: hateguwe ingemwe 156700 zizaterwa kuri ha 104



UBUHINZI N'UBWOROZI...

- Intego: 80% y'amatungo yororerwa mu nzuri no mu biraro
- Intangiriro: Amatungo 20% yororerwaga mu biraro
- Ibyakozwe: 90% y'amatungo yororerwa mu biraro

Intangiriro	Intego	Aho tugeze
20%	80%	90%



UBUHINZI N'UBWOROZI...

- Intego: 75% by'imirima ifite imirwanyasuri
- Intangiriro: 10% by'imirima ifite imirwanyasuri
- Ibyakozwe: 35%(1108 km)by'imirima nibyo bifite imirwanyasuri

Umurenge	Umubare wa km z'imirwanyasuri	Ijanisha
Nyarugunga	107	25%
Masaka	974	40%
Gahanga	18	9%
Kagarama	2	50%
Gatenga	7	50%
Impuzandengo	1108	35%



UBUHINZI N'UBWOROZI...

- Intego: Ha 20 z'ubutaka buhingwa ziciyeho amaterase y'indinganire
- Intangiriro: Nta materase y'indinganire yari mu karere
- Ibyakozwe: Hamaze gukorwa ha 20 z'amaterasi mu Murenge wa Kanombe (100%)

UBUHINZI N'UBWOROZI...

- Intego:Kuba mu Mirenge ya Gahanga, Kanombe, Kigarama na Gatenga harimo nibura ishyirahamwe rimwe ry'aborozi
- Intangiriro:Nta yari ahari
- Ibyagezweho:Buri Murenge ufite nibura ishyirahamwe



3. IBIDUKIKIJE N'UMUTUNGO KAMERE

- Intego: 70% by'ingo zifata amazi y'imvura
- Intangiriro:10% by'ingo zifata amazi y'imvura
- Ibyakozwe:
  Ku ngo 43 172 izingana na 15 110 zifata amazi y'imvura(35%)

Uko Imirenge yitabira gufata amazi y'imvura



IBIDUKIKIJE N'UMUTUNGO KAMERE...

- Intego:Kuba ingo 80%zifite amashyiga ya kijyambere
- Intangiriro: Ingo 5% zifite amashyiga ya kijyambere
- Ibyakozwe:
  Ku ngo 39 725, izingana na 7 945 (20%) zifite amashyiga ya kijyambere



IBIDUKIKIJE N'UMUTUNGO KAMERE...

- Intego:Gushyira poubelles ahantu hahurirwa n'abantu benshi. Intangiriro: Nta poubelles zariho
- Ibyakozwe: Ku hantu 38 hagombaga gushyirwa poubelles, 35 zarahashyizwe (92%)

Intangiriro	Intego	Aho bigeze(%)
0	38(100%)	35(92%)



4. IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI

- Intego:Gutunganya ibibanza 185 bya Haut Standing na 262 Moyen Standing na 300 bya bas standing byagurishijwe kuri Banque de l'Habitat
- Intangiriro:Hari Site gusa
- Ibyakozwe:Hamaze gutangwa ibibanza 57 muri haut standing na 108 muri moyen standing

IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI

- Intego: 20% y'ibibanza bidafite ibyangombwa byabihawe
- Intangiriro:5% by'ibibanza ni byo bifite ibyangombwa
- Ibyakozwe:Hamaze gukorwa fiches cadastrale 173 (55%) zitegereje gusinywa.



IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI

- Intego: Gukemura ibibazo by'abaturage birebana n'ibibanza
- Intangiriro: Umubare w'ibibazo ntuzwi neza
- Ibimaze gukorwa: 27% by'ibibazo byarakemuwe. 80% by'ibibazo bitarasubizwa biterwa no kutagira komisiyo itanga ibyangombwa by'ibibanza.

5.IBIKORWA REMEZO

- Intego :Kuba 30% (utugari 12) batangiye kubaka ibiro by'Utugari
- Intangiriro :Utugari 9% (3) nitwo dufite ibiro
- Icyakozwe :Utugari dutatu two mu Mirenge itatu (Ngoma,Rwimbogo na Kanserege) twatangiye kubakwa

Kubaka Ibiro by'Utugari

Kubaka Akagari ka Ngoma

4.IBIKORWA REMEZO...

- Intego: Kubaka ibiro bishya by'umurenge wa Niboye bigeze kuri 25%
- Intangiriro:Isoko ntirratangwa
- Aho bigeze: Fondation yararangiye (10%)

Ibiro by'Umurengewa Niboye birimo kubakwa

IBIKORWA REMEZO...

- Intego: Gutunganya umuhanda Kigarama-Rutoki bigeze kuri 25%
- Intangiriro: Igitabo cy'amabwiriza y'isoko cyari muri NTB
- Ibyakozwe: Umuhanda watangiye gukorwa bigeze kuri 50%

Gukora umuhanda Kigarama-Rutoki

IBIKORWA REMEZO...

- Intego :Gukora ivomo rya Nyarurama bigeze kuri 80%.
- Intangiriro :Imirimo igeze kuri 20%
- Ibyakozwe: gutunganya ivomo bigeze kuri 60%.

Intego : Gukora umuyoboro w'amazi ya Gakoki bigeze kuri 30%
Intangiriro :Umushinga wari ugeze kuri 10%
Aho tugeze : Imirimo y'uwo mushinga w'amazi ugeze kuri 80%

Nyarurama

Gakoki

IBIKORWA REMEZO...

Gukora za ruhurura

- Intego: Gukora inyigo ya za ruhurura mu Mirenge ya Niboye, Nyarugunga na Kicukiro
- Intangiriro:Ntakirakorwa
- Icyakozwe: Hakozwe inyigo ya ruhurura ya Niboye.Igikorwa kiri kuri 33%

IBIKORWA REMEZO...

Kwagura ibiro by'Akarere

- Intego: Kwagura ibiro by'Akarere
- Intangiriro: Imirimo igeze kuri 45%
- Ibyakozwe: Imirimo yararangiye, na reception provisoire yarakozwe ku wa 28/8/2006

III. IMIBEREHO MYIZA Y´ABATURAGE

1. UBUZIMA

Ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé)

- Intego: 75%by'abaturage bari mu bwisungane mu kwivuza
- Intangiriro: 29% by'abaturage nibo bari bafite ubwisungane mu kwivuza
- Ibyakozwe:

Komite za mutuelle zashyizweho ku nzego kagari, ku murenge no ku kigo nderabuzima ziranahugurwa. Ubwitabire bugeze kuri 77%



2.Gukangurira abaturage kugira ubwiherero bwiza

- Intego: 100% z'ingo zifite ubwiherero, bwiza kandi bupfundikiye
- Intangiriro:60% z'ingo nizo zifite ubwiherero busukuye

Ibyakozwe

- Ubukangurambaga mu mirenge yose igize akarere ka kicukiro
- Hakozwe iganzura ahantu hahurira abantu benshi: resitora, ababari, mu masoko etc....

Ijanisha ry'ingo zifite ubwiherero

IMIRENGE	%
MASAKA	92%
GAHANGA	78%
KAGARAMA	95%
NIBOYE	71%
KICUKIRO	70%
NYARUGUNGA	70%
GATENGA	80%
GIKONDO	87%
KIGARAMA	90%
KANOMBE	96%
MOYENNE	83%

3.GUKANGURIRA ABATURAGE KWIRINDA INDWARA BANYWA AMAZI MEZA

- Intego: Gukangurira abaturage kunywa amazi meza (80%)
- Intangiriro: 30% y'ingo nizo zinywa amazi meza atetse
- Ibyakozwe:

- Hahuguwe abajyanama b'ubuzima, abashinzwe ubuzima mu tugari no mu Mirenge
- Aho bigeze:
- 70% zisigaye zinywa amazi atetse

Amafoto agaragaza uko abaturage bamwe bavomaga amazi mabi n'uko bimeze ubu

4. Gukangurira abaturage kugira isuku

- Intego: Gukangurira abafurage kubaka ubutanda twanikwaho amasahani (100%)
- Intangiriro: 45% z'ingo zifite ubutanda two kwanikaho amasahani, mu murenge wa Masaka na Gahanga
- Ibyakozwe:
  Gukangurira abaturage kubaka ubutanda two kwanikaho amasahane mu mirenge y'icyaro : Gahanga na Masaka
- Ingo zose za Gahanga na Masaka zifite ubutanda

Imirenge	Intangiriro	Ahobigeze
GAHANGA	45%	100%
MASAKA	45%	100%
Moyenne	45%	100%

Imisarane yubakwa ahantu hahurira abantu benshi

Iyi ni fosse septique itararangira

Imisarane nk'iyi 3 irubakwa ahahurira abantu benshi ku nkunga yatanzwe n'umushinga INTRAHEALTH TWUBAKANE

6. Gukangurira abaturage kugira ibimpoteri bamenamo imyanda

- Intego: Gukangurira ingo zo mu Mirenge y'icyaro kugira ibimpoteri (100%)
- Intangiriro :20% z'ingo yo mu mirenge y'icyaro (Masaka, Gahanga)zifite ikimoteri cyo kumenamo imyanda

Ibyakozwe

- Ibyagezweho bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira

6. Gukangurira abaturage kugira ibimoteri bamenamo imyanda...

- Imirenge y'icyaro (Masaka na Gahanga) niyo ifite ibimpoteri,indi imena imyanda muri za poubelles ikajyanwa i Nyanza

Imirenge	Intangiriro	Aho bigeze
Masaka	20%	95%
Gahanga	20%	93%
Impuzandengo	20%	94%

7. Gukangurira abaturage gahunda zo kuboneza urubyaro

- Intego: Gukangurira imiryango ituye Akarere kuboneza urubyaro (30%)
- Intangiriro : 10% y'imiryango ituye Akarere niyo iboneza urubyaro
- Ibyakozwe
  - Hahuguwe abakozi bakora mu mavuriro yigenga, Inama y'Igihugu y'abagore n'abajyanama b'ubuzima



8.Gukurikirana ababana n'ubwandu bwa SIDA

- **Intego**: Gukurikirana amashyirahamwe y'ababana n'ubwandu bwa sida (100%)
- **Intangiriro** : 50% y'amashyirahamwe niyo akurikiranwa
- **Ibyakozwe**
  - Hatowe komite y'abahagarariye abandi.
  - 100% y'amashyirahamwe akorera mu karere yarasuwe

Imirenge	Amashyirahamwe
Kanombe	5
Kigarama	9
Gikondo	3
Gatenga	3
Niboye	2
Nyarugunga	8
Kagarama	6
Gahanga	10
Kicukiro	14
Masaka	6
TOTAL	66

9.Kurwanya malariya

- Intego:
  Gukangurira ingo gukoresha inzitiramibu (65%).
- Intangiriro :
  25% z'ingo nizo zikoresha inzitiramibu.
- Ibyakozwe
  -Gukangurira abaturage kuryama mu nzitiramubu iteye umuti.
  -Abagore batwite 10 420 bahawe inzitiramibu
  -Abana 43 745 bari munsi y'imyaka itanu bahawe inzitiramibu baranakingirwa.

10.Kongera umubare w'abana bajya kwiga bambaye inkweto

- **Intego**: Gushishikariza abaturage kwambika abana biga inkweto (75%).
- **Intangiriro**: 30% y'abana bigana inkweto
- **Ibyakozwe**:
- Gushishikariza abaturage kwambika abana inkweto
- Abanyeshuri 30 484 kuri 33 480 biga mu mashuri abanza bambara inkweto (91,05%)

Amafoto agaragaza abana bigana inkweto



2. UBUREZI

- Intego:
  Gushyira muri buri murenge nibura ishuri rimwe ry'incuke, n'iribanza.
- Intangiriro :mu mirenge hari imibare itazwi y'amashuri.
- Ibyakozwe:
  Amashuri yose yarasuwe kandi akora neza.

Imirenge	Inshuke	Abanza
Gahanga	3	2
Gatenga	6	5
Gikondo	6	4
Kagarama	3	3
Kanombe	7	6
Kicukiro	4	2
Kigarama	5	7
Masaka	5	3
Niboye	5	4
Nyarugu nga	10	6
TOTAL	54	42

3.Kurangiza igishushanyo-mbonera 2007

- Intego:
  Kumenya imibare shingiro y´abarimu n´abanyeshuri bazatangira umwaka w´amashuri 2007.
- Intangiriro :
  Imibare y'abanyeshuri n´abarimu itanzwi ku buryo buboneye.
- Ibyakozwe
  Hashakishijwe imibare-fatizo izashingirwaho mu mwaka w'2007 ku buryo bukurikira:

Imibare-fatizo izashingirwaho muri 2007

- Amashuri abanza:
  - Abanyeshuri:38 370
  - Abarimu: 768
- Amashuri yisumbuye:
  - Abanyeshuri: 12 730
  - Abarimu: 702

4. KUGABANYA UMUBARE W´ABATAZI GUSOMA NO KWANDIKA

Intego:
Gushishikariza abaturage kugana amasomero.
Intangiriro :
Nta mubare wari uzwi
Ibyakozwe
- Hahuguwe abakangura mbaga 30 ku masomero 18
- Abatazi gusoma 1042 barigishijwe banahabwa impamyabumenyi

3. SIPORO

- **Intego:** Gushyiraho amakipi afite ubushobozi bwo guserukira akarere
- **Intangiriro** :amakipi yarahari ariko akora muburyo budafite gahunda.
- **Ibyakozwe**
  Imirenge yakanguriwe gushyiraho amakipe y´imikino(umupira w´amaguru,uwinloki
  Habaye amarushanwa hagati y´imirenge,ubu akarere afite ikipe yako.

4. UMUCO

- **Intego:** Gushyiraho itorero ry'Akarere
- **Intangiriro:** Amatore yarahari ariko akora muburyo budafite gahunda.
- **Ibyakozwe:**

  Imirenge yakanguriwe gushyiraho amatorero anyuranye

  Buri murenge ufite nibura itorero rimwe

6. KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

- **Intego:**

  Kumenya urutonde rw'abatishoboye no kubafasha
- **Intangiriro:**

  Nta mibare y'abatishoboye yari izwi
- **Ibyakozwe:**
  - Hakozwe **Fundraising** yo kubaka amacumbi y'abatishoboye haboneka 23.000.000 Frw, umuforankunga umwe yemera kubaka amazu 50
  - Ingo z'abatishoboye ni 2400 ; abasanzwe amazu ni 180 mu mirenge yose bitwara 40 000 000 Frw.
  - Andi mazu 50 yatangiye kubakwa
  - Abanyeshuri banhirwa n'Akarere ni 1768 batangwaho 53 040 000 Frw ku mwaka

Amashyirahamwe, amakoperative na ONGs

- Intego: Amashyirahamwe , koperative na ONGS byujuje ibisabwa bifite ibyangombwa by'Akarere
- Ibyakozwe: Amashyirahamwe, koperative na ONGs byujuje ibisabwa byahawe ibyangombwa by'Akarere

Ukwezi	Amashyirahamwe	koperative	ONGS
Mata	26	2	9
Ukwakira	96	10	18



III. UBUTABERA

Inkiko Gacaca: Imirenge yose yatangiye kuburanisha

- **Abashyizwe ku rutonde : 8891**
- **Amadosiye :5871**
- **Ababuranye: 698**
- **Abasomewe: 659**
- **Abatarasomerwa: 39**
- **Abagizwe abere: 78**
- **Abajuriye: 146**
- **Abakatiwe TIG: 141**



Aho Urukiko Gacaca rwa Gahanga rukorera

IMIKORERE Y'INKIKO ZISANZWE

Intego:

Kugira inkiko zikora neza

Intangiriro:

Inkiko zose zari zarahagaze

Ibyakozwe:

- Hashyizweho inkiko z'ibanze 3 mu Karere
- Izo nkiko zose zifite aho zikorera hakwiye
- Abahesha b'inkiko bararahiye

Umuhango wo kurahiza abahesha b'inkiko

- Ku itariki ya 30 Ukwakira 2006 muri ETO Kicukiro habaye umuhango wo kurahiza abahesha b'Inkiko
- Abarahiye bose hamwe ni 53

Murakoze

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
TEL: 58 41 83
E-Mail: districtkicukiro@rwanda1.com
BP :657 KIGALI

RAPORO Y'IMIHIGO-2006
(Resume)

Ukuboza, 2006